

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ______________________________

School: ______________________________

Class: ______________ Year ______________

Subject: ______________________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

Mukamanzi Sylvie

Mwene

Kamanzi. Sylver +

Et

N. Gwanezo jeanne d' Arc

Komine : Mukingi

Segiteri : Gitega

Serire : Nyagahinga

Pref : Gitarama.

Niga G. S. N. D L Byimana

Uko

Intambara yo kubohoza igihugu yo mu
kwakira 1990 Data yakoraga
mu isosiyete y'ubwubatsi "EMUJECO"
i Kigali
Ibyo yakurikiwe « ibyitso by inyenzi »
byamugizeho ingaruka kuko yafashwe
n'abasirikare ku kicukiro bakomubu-
ta cyane azira ngo bene wabo bari he
Interahamwe bamwatse barayishura-
nyaguje ngo abanyanduga bose ni
abatutsi nta kuri bagira, bahinduye
n'ubwoko.
bari bazi ko inkoni zimuhitana, bamu-
siga aho ahirita, iby'Imana araruzwa
n'umuturanyi amujyana iwe, arakanda-
nda n'amazi ashyushye n'ibitambaro
asiga amavuta kuko atari kumujyana
kwa muganga bari kumutsindayo
arwara hafi ukwezi kose ariko.

asigarana ubumuga kuko impyiko
zari zarangiritse.
Buhoro buhoro uko amashyaka yavuka-
ga ni na ko ibyago bye byiyongeraga
cyane cyane ku minsi ya meetting y'
amashyaka ya M.R.N.D na CDR
yagombaga kuririmba mu nzu ngo
adahura n'interahamwe cg cyangwa
n'impuzamugambi zarubiye kuko bari
baramukubise n'ubundi bakamuryama
ngo ntibazongere kumubona muri ako gace-
muri mata 1994, itsembabwoko ritangiye
yagerageje guhunga kigali n' amaguru
na bagenzi be bageze kuri Nyabarongo
bahasanga bariyeri y' abasirikare
abo basirikare bagonjoraga abagomba
gukomeza urugendo n'abagomba kuro-
hwa muri Nyabarongo kuko ari
inyenzi n' abatutsi.

Data na we yashyizwe mu gice cya kabiri kimwe n'abandi bagenzi be babicaje hasi ngo baguirire maze babarebere mo rimwe ingoma zizabashoke. Mu gihe cy'isaha yaha maze ategereje gupfa haza hagobotse umugenzi uvuye i kigali amusuhuza mu izina rye ana mubaza impamvu yicaye aramusobanurira. Kuko uwo mugenzi yari azi ra nye n'abo basirikare yamusabiye imbabazi asobanura atakomba maze baramurekura ngo nagende azagwe ahandi.

yarashyize agera imuhira bimugoye, ariko muri segiteri yacu "Gitega" nta bugome n'ubwicanyi byaharangwe ndetse no gusenya amazu byahabaye twabyumvaga mu yari masegiteri aduhe kije usibye ko bita mubwizaga guhora yihisha-hisha.

Hashize iminsi duhunga amasasu -

igihe ingabo za F P R zabohozaga
Gitarama na Kabgayi
tugeze i Mutara, umugabo Yozefu
araducumbikira, twe twarasohokaga
ariko Data we uwo mugabo yari
yaramubujije kugera hanze ngo
batazamwica
twaje kwimuka kwa Yozefu tugenda
tugana ku kufungo ngaho twasanze
bariyeri ikaze y'interahamwe maze
babonye Data bati "uyu yarigaye ate?"
barakubita imvune yiriyongera,
abatakamba baratakamba biba iby
ubusa Sinzi uko yakururutse agwa
mu mwobo aburira abo twari kumwe
na Mama ati nimunjyane njye
kugwa i Muhira. yagarutse ari intere
anyara amaraso akaruka n'amaraso
agwa i muhira le 13.16/1994 saa
cyenda z ijoro

basaza banjye babiri bo babishe
mbere ya Data nabo barira. indeshyo
n'isura yabo

---

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.